# FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

B.P. 2000 Kigali
E-mail :
ferwafa@yahoo.fr
www.ferwafa.rw

Kigali, tariki ya 08/02/2020
N° 14.11 / FERWAFA / 2020

**Bwana Perezida w'ikipe**
**ya RAYON SPORTS F.C**
**KIGALI**

**Impamvu: Kubamenyesha ibihano byafatiwe ikipe mubereye Umuyobozi**

Bwana Perezida,

Dushingiye ku myanzuro y'inama ya Komite Nyobozi ya FERWAFA yo ku wa 07/02/2020 ijyanye n'imyitwarire ikipe ya RAYON SPORTS F.C mubereye Umuyobozi yagaragaje mu kutitabira irushanwa ry'Ubutwari ry'uyu mwaka wa 2020;

Tubandikiye tugirango tubamenyeshe ko, mu nama yayo yateraniye ku kicaro gikuru cy' Ishyirahamwe ry'Umupira w'amaguru mu Rwanda, Komite Nyobozi ya FERWAFA:

- Ishingiye ku ibaruwa yanyu No 015/RAYON SPORTS/PR/2020 yo ku wa 24/01/2020 mwatwandikiye mutumenyesha ko musezeye mu irushanwa ry' Ubutwari rya 2020;

- Ishingiye ku ngingo ya 12 y'Amategeko Shingiro ya FERWAFA igena inshingano z'abanyamuryango cyane cyane mu duce twayo twa **a** na **c** tuvuga ko abanyamuryango ba FERWAFA bafite inshingano yo:

  *a) Gukurikiza buri gihe amategeko, amabwiriza n'ibyemezo bya FERWAFA, CAF na FIFA no gutuma abanyamuryango bayo babikurikiza.*
  *c) Kwitabira amarushanwa n'ibindi bikorwa biyoborwa na FERWAFA.*

- Ishingiye ku gika cya kabiri cy'ingingo imaze kuvugwa haruguru kigira kiti: *''Ukurenga kuri izi nshingano bikozwe n'umwe mu banyamuryango bituma hafatwa ibihano biteganyijwe n'amategeko n'amabwiriza bya FERWAFA''*;

- Ishingiye ku ngingo ya 58 y'Amategeko Ngengamikorere ya FERWAFA iteganya ko *''kutitabira amarushanwa yateguwe na FERWAFA, CAF cyangwa FIFA bihanwa n'amategeko agenga amarushanwa''*;

- Ishingiye ku ngingo ya 11 y'amabwiriza agenga irushanwa ry'Ubutwari ry'umwaka wa 2020 yo kuwa 13/01/2020 ivuga ko *''Ibidateganyijwe muri aya mabwiriza hazitabazwa amategeko agenga amarushanwa ya FERWAFA''*;

- Ishingiye ku ngingo ya 7 y'amategeko agenga amarushanwa ya FERWAFA yo ku wa 23/10/2018 igena urutonde rw'amarushanwa FERWAFA itegura;

- Igendeye kandi ku ibaruwa No103/FERWAFA/2019 yo ku wa 09/02/2019 mwandikiwe na FERWAFA igaya imyitwarire idahwitse ikipe ya RAYON SPORTS F.C mubereye Umuyobozi yagaragaje mu irushanwa ry'Ubutwari ry' umwaka wa 2019 aho abakinnyi banze kwambikwa imidali;

- Ishingiye ku bubasha n'inshingano ihabwa n'amategeko byo kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko shingiro ndetse n'andi mategeko ya FERWAFA, CECAFA, CAF na FIFA nk'uko biteganywa n'ingingo ya 33 y'amategeko shingiro hamwe n'iya 28(i) y'amategeko ngengamikorere bya FERWAFA;

- Ishingiye ku ngingo ya 60 y'amategeko agenga amarushanwa muri FERWAFA igena ibihano Komite Nyobozi ishobora gufatira abakinnyi, abatoza, abafana, abayobozi cyangwa amakipe bagaragaweho kwica amategeko mu buryo ubwo aribwo bwose;

Komite Nyobozi ya FERWAFA yasanze Rayon Sports itarubahirije inshingano zayo nk'umunyamuryango zirebana no gukurikiza amategeko n'amabwiriza bya FERWAFA ndetse no kutitabira irushanwa yateguye nk'uko byasobanuwe haruguru, Bityo ikaba igomba kubihanirwa.

**Hemejwe ko Rayon Sports ifatirwa ibihano bikurikira bigomba gutangira gushyirwa mu bikorwa uhereye igihe mumenyesherejwe iki kemezo:**

- **Guhagarikwa kwitabira irushanwa ry'Ubutwari ry'umwaka utaha wa 2021;**

- **Kwishyura ihazabu ingana n'ibihumbi magana atatu by'amafaranga y'u Rwanda (300,000Frw);**

- **Kubuzwa gutegura no kwitabira imikino ya gicuti yaba iy' imbere mu Gihugu ndetse no hanze y'Igihugu mu gihe kingana n' amezi cumi n'abiri (12) abarwa uhereye igihe mumenyesherejwe iki kemezo.**

Tubashimiye uburyo mubyakiriye

Mugire amahoro.

**UWAYEZU F. Régis**
**Umunyamabanga Mukuru**
*Fédération Rwandaise de Football Association*

**Bimenyeshejwe:**

- Abagize Komite Nyobozi ya FERWAFA